K0211344



| | | |
|---|---|---|
| **Identification** | **:** | **RTLM 0295 16/1/94** |
| **Duration** | **:** | **60 min.** |
| **Quality** | **:** | **Good** |
| **Transmission** | **:** | **RTLM** |
| **Name of transcriber** | **:** | **MUTETELI Pénine-Joie** |
| **Name of file** | **:** | **0295** |
| **Date of transcription:** | | **6/9/99** |
| **Dictaphone** | **:** | **ExpressWriter Model 2750-6SN516525** |

## FACE A

**Orateur : HITIMANA Noël, journaliste de la RTLM.** 0.1

Radiyo RTLM, dufite saa cyenda n'iminota cumi hano i Kigali. Uyu munsi urebye twawuhariye... twawuhariye rwose abarwanashyaka, abakunzi b'amahoro n'ubumwe, abarwanashyaka ba MRND. Mwumvise rwose intwari... intwari zabo, abafashe amagambo hano kuri Stade Régional i Kigali ukuntu bage... bakomeza ee... kuganira n'abarwanashyaka babo. Burya mitingi ni mitingi. Muri mitingi rero umuntu avuga ikiri ku mu... ikimuri ku mutima, muri mitingi ni ho werekana ko uri umurwanashyaka koko, muri mitingi n'iyo waza uri umushyitsi nk'uko MUGENZI amaze kubivuga, uzi uwo uvugana na we ikimuri ku mutima uvugisha ukuri ukavuga uti, natwe mu ishyaka ryacu uko tubumva ni uku, n'uko iwacu bimeze ni uku nguku. MUGENZI muramaze.. kumwumva, mumaze kumva icyo atekereza ku buryo ubutegetsi bwashyirwaho, ku buryo umuntu avuga ati, njyewe ndi Représentant légal w'ishyaka. Dufite amategeko mu ishyaka ryacu, dufite ukuntu twitwara n'ukuntu MRND na yo yitwara, n'ukuntu MDR yitwara, n'ukuntu PSD yitwara, n'ukuntu PDC yitwara, mbesi.. amashyaka yose afite ukuntu yitwara mu... nk'uko nyine bayashinze. Mukayashinga.. bayashinze batekereje, bayashinze bazi ukuntu bazakurikiza nyine, hnein? Ubyanze akarivamo, uwo bavanye mu ishyaka akagenda, ntawariguze. Hneh! (Aseka) Ntawaguze ishyaka, ishyaka se ko ari coopérative, iyo coopérative ikwanze uvamo. Hum?

Mumaze kumva rero MUGENZI, ariko kandi.i... Matayo NGIRUMPATSE nk'uko nabibabwiye kare ni we wari.ii... e... wari Maître des cérémonies, ni we wari Chef w'ibyo birori, ni we wari Patron wabyo, ni we nyine urebye ni we wabiyoboye, ni we kandi wagombaga kugira ijambo ry'Umutware ry'agashinguracumu. 1.7

Muri iryo jambo rero yabanje gushimira abari aho, arabashimira bose ati «cyane cyane n'abaje kudufasha batari mi ishayaka ryacu, yabashimiye. Nk'uko nyine agiye gukomeza atubwira ati «ndashimira na Yusitini MUGENZI kubona ari hano kandi ari uwo muri PL». Kandi nababwiye n'abandi bari bahari, bo mu ya... mu yandi mashyaka bari bahari. Kuva mu gitondo nagiye

mbabwira uko bagiye baza baza baza, nagiye mbagezaho... noneho reka twumve agashinguracumu, hum, ka Perezida w'ishyaka MRND.

**Orateur : NGIRUMPATSE Mathieu, président du MRND.**

... ni abantu b'incuti batubwiye kandi mu izina rya MUGENZI rya Perezida a... wa Parti Libéral, batubwiye amagambo meza cyane. (Applaudissements)

Kuri uyu munsi rero, ni umunsi wo gusubiza amaso inyuma. Umuntu agenda mu misozi yagira atya akabona imisozi isa kandi n... hagati yayo hari urugendo rurerure. Ugenda mu mahanga ukabona abantu basa, kandi batava inda imwe. Ugira utya wagenda ukagera muri a... mu mayirabiri, ugasanga asa n'ayo wabonye kandi atari mu gihugu kimwe. Muri iki gihe rero turi mu mayirabiri asa, nagira ngo isomo tujyana none dusubize amaso inyuma. 3.6

Muri za mirongo itanu n'umunani n'icyenda, abantu bagiye i Nyanza babwira abategetsi b'icyo gihe ko hari ikibazo. Bati «hari abantu baryamirwa, hari abantu bakorera abandi ku busa, hari abantu bakubitwa, hari n'abantu bagihakwa kandi byaraciwe. Abategekaga icyo gihe barababwira bati «mugende abahinga muhinge, abahakwa muhakwe, nta kibazo kihari».

Muri iki gihe rero, abantu bitegura gutegeka nubwo bibwira ko babigezeho byarangiye. Barababwira bati «mwikwirukanka ibi... mwikwirukansa ibintu hari ibibazo mu mashyaka», bakavuga bati «abapfa bagende bapfe, abahakwa bahakwe nta kibazo gihari tugomba gutegeka byanze bikunze» (une brève interruption).

Muri icyo gihe kandi, muribuka ko mirongo itanu n'icyenda imaze gusakabaka, abantu bagiye mu nzu i Kavumu bagatangira gukora «listi» y'abantu bagomba gupfa ndetse bakabica koko.

Icyo tubona muri iki gihe ni uko na none abantu bumva ubutegetsi bubacika, kubera ko rubanda batabyemera, batangiye gukora «amalisti» ngo y'abantu bagomba gupfa koko. Mutekereze, musubize amaso inyuma mwibuke ko igihe tugezemo gishobora kuba nk'igihe twabayemo.

Abo bantu rero bakora «amalistes» yo kwica abantu, bongere bicare aho bakoreraga ayo «malisti» bongere bicare batekereze icy'abakoze «amalisti» yo muri mirongo itanu n'icyenda uko byabagendekeye. (Applaudissements).

Ntabwo rero twavuga ko twaje mu mahoro turi muri ibyo bitekerezo byo gukora «amalistes» yo kumara abantu. Ari amaraso ya Perezida HABYALIMANA, ari amaraso ya Yusitini MUGENZI, ari amaraso ya Matayo NGIRUMPATSE, ari amaraso ya KAREMERA, ya KABAGENI, ya NZIRORERA, n'abarwanashyaka ba MRND, ntabwo azabuza Repubulika kubaho (applaudissements). Icyo ntinya gusa, icyo ntinya, abo bantu nongera kubabwira, ni uko ayo maraso aramutse amenetse ndakeka ko azapfa ubusa nk'aya NDADAYE. (Applaudissements + commentaires)

Ikindi nagira ngo mbibutse rero, muri mirongo itandatu na mirongo itandatu na rimwe Loni (l'ONU) yaraje, none yaragarutse kandi igarurwa n'abantu bamwe. Mwibuke kandi ko icyo gihe, abavugamuga.. mu Rwanda baravugaga ntibiri... abavaga mu Rwanda bajya muri Loni (l'ONU) baravugaga ntirihite iby'abandi bigahita. N'ubu batangiye kubwira bariya basirikari ba Loni (l'ONU), ko ngo «MRND n'Interahamwe» ngo «zishaka guhindura igihugu umuyonga». Twahindura igihugu umuyonga dute kandi igihugu ari twe»? (Applaudissements+commentaires)

Ikindi tugomba kwibuka dushubije amaso inyuma, abantu bagize batya muri mirongo itanu n'icyenda birengagiza icyo rubanda bashaka, bimika umuntu baciye ruhingany... ruhinganyuma umuzungu, baramubeshya bimika umuntu mu bintu by'amafuti. N'ubu rero, hari abantu bashaka kwimika umuntu kandi rubanda bavuga bati «hari ikibazo». Nibareke rero kwimika, ibibazo biri mu mashyaka bibanze birangire nk'uko Perezida wa Repubulika yabivuze, abatabyemera bayoboke inkiko. (Applaudissements)

Nk'uko kandi icyo gihe byari bimeze, bababwiraga ko ibibazo biriho bati «ikibazo ntacyo, ikibazo ni umuzungu. Igisetsa ni uko ubu bitabaza umuzungu birukanaga icyo gihe. Ubu rero baravuga ko «nta kibazo kiriho, ikibazo ari MRND na Perezida HABYALIMANA», ngo «n'amashyaka amwe» ngo «ashaka kudindiza inzego z'ubutegetsi bw'inzibacyuho yaguye».

Musubize rero amaso inyuma barwanashyaka, bavandimwe, mumenye ko igihe tugezemo gikomeye, kandi ko abatujyana muri ibyo bihe babigira nkana. Ariko rero, ntabwo dushaka kongera kubona abantu bambaye amakaravati, basho.bo...reye abaturage muri uyu mwaka wa mirongo urwenda na kane cyangwa se utaha, ngo babigire nko muri mirongo itanu n'icyenda na mirongo itandatu, babajyana hanze ngo bazagaruka na l'ONU, ntabwo tubyifuza. Ntabwo kandi twifuza abantu bambaye amakaravati bazagarura abantu bari hanze, bababeshya ngo barafata ubutegetsi ku ngufu, bashaka kongera kubaroha mu mazi abira. Amahoro twifuza si ayo ngayo. Abo bantu bambaye karavati rero, babeshya abaturage, baje bavuza impanda, bahindira ko bazanye démocratie, bahindira ko baje gukuraho igitugu none kikaba kigiye kutumara bataranajyaho basubize amerwe mu isaho. (Applaudissements) 11.9

Barwanashyaka bavandimwe, icyo tubona twebwe cyazana amahoro ni uko abantu bakwicara bakavugana, ubwo butegetsi bakabusangira koko ariko nta wuryamiye undi, nta wufashe umuhoro ashyira ku gakanu k'undi. Kuko ibyo bategura ni uko bimeze kandi rero navuze ko twagiye, twemeye amasezerano y'Arusha, kugira ngo Abanyarwanda bagire amahoro, n'ubu turacyabyemera. Twemeye kujya muri Guverinoma kugira ngo Abanyarwanda bagire amahoro, n'ubu turacyabyemera. Ariko rero nongeyeho ko nta tegeko ryemeza ishyaka kuguva.. muri Guveri... ku... kujya muri Guverinoma, nta n'itegeko riryemeza kugumamo. Nta gitugu rero, amahoro turayashaka kandi amahoro tuzayaburanira, kandi abarwanashyaka bose ba MRND barabyiyemeje ko nta mvururu bazazana kandi ko batifuza ko hari ubateraho imvururu.

Abagiye rero kubwira abasirikari ba Loni (l'ONU) n'uhagarariye Umunyamabanga Mukuru w'Umuryango w'Abibumbye, ngo «MRND» ngo «iteguye kurwana», ngo «MRND yatanze intwaro hirya no hino», ngo MRND..., wagira ngo ntitugikora. Ngo «tuba mu mwitozo ya gisirikari ya buri munsi».

Abo bantu baravuga impuha nk'izo muri mirongo itandatu na mirongo itandatu na rimwe, zizabakoraho rero. Ndatinya ko ubwo mperuka kujya muri Loni (l'ONU), ubanza ari marayika murinzi wabimbwiye, nagiye gusoma no kureba icy'Umuryango w'Abibumbye wavuze ku matora yo muri mirongo itandatu no muri mirongo itandatu na rimwe, nasanze ibinyoma bavuga

ubu ari n'ibyo bavuze icyo gihe.

None se baragira ngo tuzongere dusubire muri mirongo itandatu? Abantu babeshya icyo gi...b... iki gihe se ni abo muri mirongo itandatu? Tukaba twumva rero ibyo binyoma bigomba kuvaho. Mu mashyaka yashyigikiye ko ziriya ngobo za Loni «l'ONU) ziza MRND iri ku isonga. Twabwiye kandi ingabo za Loni (l'ONU) ko tuzaba imbere mu kubatera inkunga kugira ngo akazi kabo gatungane n'umurimo babahaye utungane bagende tumaze gutora. Iyo ngingo turayikomeje kandi tuzabafasha koko, ariko icyo tubasaba ni ukwima amatwi ibinyoma by'abantu. Ni ukutarangazwa n'abababwira ko dutegura ibitero no kwica abantu kandi bakora «amalisti» yo kurimbura rubanda. Icyo tubasaba ni ukutarangara ngo abo bantu bakora «amalisti» bababwira ko ari twe dutegura ibintu bibi bakaza... bakazibuka ibitereko basheshe.

Barwanashyaka bavandimwe, twemeye ingabo za Loni (l'ONU) kuko inama... Inteko Ishinga Amatege... kuko inta... Inama Ishinzwe Amahoro ku isi yabiteganije. Ariko dutangazwa no kumva bagenzi bacu tugiye kujyana muri Guverinoma b'Inkotanyi, bavuga ngo «ntibashaka igihugu iki n'iki, cyane cyane ngo «nk'abantu bo muri Togo».

Mwigeze mwumva Togo iza kurwana mu Mutara? Mwigeze mwumva igihugu cya Togo hari uwo gituka muri aka gace k'Afurika? Twemeye ibihugu byose, n'abo rero niba bashaka amahoro, niba baravuye kuri ya ngingo y'igitugu, nibemere ibihugu byose bize... bize muri Loni (l'ONU) kugira ngo amahoro aganze muri iki gihugu.

Ikibazo rero cy'umutekano bakunda kugarukaho, birangaza abantu... birangaza abantu. Nababwiye ko hari «amalistes» akorwa, byaba byiza rero ko bariya bantu biririwa kuri radiyo bashaka gukiza imanza atari Abacamanza, bashaka kuyobora amashyaka batatowemo. Byaba byiza ko bita ku mutekano w'abaturage. Bagashaka abo abantu bakora «amalisti» ndetse bakatwegera tukababwira abo ari bo.

Barwanashyaka rero bavandimwe, ndabona bukeye singiye kubarambira mu magambo. Nagira ngo gusa isomo mujyana uyu munsi, ari uko musubiza amaso inyuma mukamenya ko tugeze mu

mayirabiri y'amateka y'igihugu cyacu, ko ibyo twabonye muri mirongo itanu n'icyenda, mirongo itandatu, mirongo itandatu na rimwe, ari byo bishaka kugaruka. Tuzabyifatemo neza rero, kuko (arakoroye) ubwo Loni (l'ONU) yo muri mirongo itandatu na mirongo itandatu na rimwe yajyanywe na Kamarampaka, n'iyo muri mirongo urwenda na gatatu, na kane na gatanu, igomba kujyanwa n'indi Kamarampaka. (Applaudissements) Iyo Kamarampaka rero simbabwira uko tuzabigenza, Visi Président wa Mbere KAREMERA yabibukije, ati «ntimuzibagirwe na rimwe». Ntimuzibagirwe na rimwe ko tugeze mu mayirabiri, ntimuzibagirwe na rimwe ko icyajyanye Loni (l'ONU) ya mbere ari cyo kigomba kujyana Loni (l'ONU) ya kabiri, mugire icyumweru cyiza (applaudissements). 19.0

_ (chanson: Muvoma yacu ivuguruye komera).

**Orateur : HITIMANA Noël, journaliste de la RTLM.**

Saa cyenda n'iminota mirongo itatu hano i Kigali, ibyabereye i Nyamirambo uyu munsi byose, uretse byose byose, uretse ko hein! I... ihuriro Irindiro, Irindiro ntabwo twakomeje kugira ngo «turyaregistre» tubayi... tubanyurizeho, heh! Irindiro mujya muryumva kuri Radiyo yanyu, Radiyo RTLM. Bafite imizika myinshi, ariko tubasize bakibyina ye, bashyushya. Eeh, Irindiro! Bakenyeye impu mbese nka banyogokuru ba kera, hah. Ba nyogokuru ba kera ariko bakenyeye kabisa baberewe, bamerewe neza. Radiyo yacu rero, radiyo yanyu, radiyo RTLM burya tunyuzamo tukabagezaho ibyanyu, tukabagezaho ibyo mushaka, tukabagezaho n'iby'abandi bashaka kandi hari nk'umaze kuntelefona arambwira ati «ariko se MUGENZI», ati «we yakoze iye mitingi akajya avuga ibyo yavuze akavugira ku... muri mitingi ye». Ndamubwiye nti «ariko MUGENZI ashobora kuvugira ahari hose, si ngombwa ko avugira muri mitingi ya PL, yavugira no muri mitingi ya MRND, nk'uko yavugira muri mitingi ya MDR bamuhaye ijambo. Nam... MUGENZI ya... abantu amaze kubabaza, abamaze kubazwa na MUGENZI bibaze bisubize, ni byo byiza muri démocratie. Bibaze bisubize ibyo MUGENZI ababwiye.

Ah... umuntu abimbwiye ababaye. Ndamubwiye nti «ibaza.. wisubize, hari icyo MUGENZI

akubeshye? Yakubeshye iki? Ko azababwiza ukuri, n'akari imurori nimureba nabi ko azakababwira ko abazi! Arabazi! MUGENZI azi Abatutsi, Abahutu arabazi. MUGENZI ni umuntu ushobora kutubwira ati, kanaka mumwitondere, kandi akabivuga, eeh, none se! Reka twumve aka gatangazo k'uyu munyeshuri ko... turi mu gihirahiro, turi mu gihirahiro. Icyo gihirahiro tukivuyemo twarya tukaryama tugahumeka, mbesi.. tukaba nka kera. Kera baravugaga ngo «ni ishyaka rimwe MRND ryari ririho, nyamara njye ndabizi maze muri iyi Kigali imyaka irenze makumyabiri n'itanu, niviraga i Gikondo ijoro ryose nkazamuka i Nyamirambo nta mahane nta ki, nta kugira ibibazo. Ariko aho bavugiye ngo «intambara irateye, amashyaka abaye menshi, mbabwije ukuri n'abari pi... i Kigali barabizi, gutarabuka nimugoroba, hneh! Ni ugutarabuka aha Mana, ariko kandi icyo dushaka ni amahoro, tuzayageraho mu mashyaka menshi ni wo muderi dufite, uwo muderi rero tugomba kuwukurikiza.

21.5

Uyu mwana rero MUBILIGI a... _ (Umwaka mushya muhire Generali).

**Orateur : HABIMANA Kantano, journaliste de la RTLM.**

Radiyo yigenga mu misozi igihumbi, radiyo sympa, radiyo cent six ivugira i Kigali. Ubu ni saa moya n'iminota mirongo itatu n'itanu muri studios za Radiyo RTLM ivugira i Kigali. Ni umwanya rero w'amakuru mu kinyarwanda, mwateguriwe na HABIMANA Kantano.

Uyu munsi ishyaka MRND ryakoze mitingi mu rwego rwa Préfecture y'Umujyi wa Kigali, ni... n'«amakomine» ayikikije. Iyo mitingi rero yaranzwe n'ituze, n'umutekano mwinshi, hanyuma mu bantu bayifashemo amagambo, birumvikana hari abayobozi mu rwego rw'igihugu b'ishyaka MRND, ariko cyane cyane uwo twavuga wahagiriye succès, uwo twavuga wahagiriye succès, ni ukuvuga uwabonye amashyi menshi ni umugabo witwa MUGENZI Yustini, Perezida w'ishyaka PL, uzwi n'amategeko, uwo rero ni we ee... yaje gufata ijambo maze rero mu kanya gato maze kuvuga andi makuru turaza kumuha ijambo, hanyuma twumve icyo atubwira.

I... hanyuma, ikindi cyaranze iyo mitingi ni uko hari Inkotanyi zihishe mu barwanashyaka ba MRND, zikaza gukubita umuntu w'Interahamwe, zamukubise ikintu hanyuma aza kugwa igihumura, ni ukuvuga ajya muri coma, hanyuma Interahamwe ziramuterura zimujyana kwa muganga. Cyakora abakubise uwo muntu na bo babone... bababonye, gusa uwo wagiye kwa muganga ntiyamenye uko byagenze. Nyuma ageze kwa muganga ahasanga «Umudocteur», hinga ndebe izina rye, uwo «Mudocteur» witwa MUVUNYI, MUVUNYI... uwo «Mudocteur» rero witwa MUVUNYI wari uri ku izamu n'Abaforomokazi be banze kuvura uwo murwayi ngo «ntibavura Interahamwe». Muri make rero, urebye ni ibyo bintu byaranze iyo mitingi, umutuzo, ariko nyuma barangije haza kubamwo icyo kintu.

Abantu rero bakibaza bati, Inkotanyi bishoboka bite ko zakwihisha mu barwanashyaka b'irindi shyaka, hanyuma noneho zikaza kurinda gucura inkumbi undi ab... umurwanashyaka utari uwabo, bamuziza gusa ngo ni uko ari Umututsi uri muri MRND.

Hanyuma indi nkuru itugezeho ni iyo mu ishyaka PDI. Ishyaka PDI rero ryakoze inama idasanzwe ya Comité nyobozi by'agateganyo y'Ishyaka Riharanira Demokarasi ya kila... ya Kisilamu nyine ni yo PDI. Iyo nama rero, nk'uko itangazo ritugezeho ribivuga, ee... iyo nama ya Comité nyobozi y'agateganyo y'ishyaka PDI, yeteranye uyu munsi iyobowe n'Umuhuzabikorwa wungirije, Shehe KIBATA Djuma, abisabwe n'Umuhuzabikorwa wa PDI, Bwana BUMAYA Andreya utashoboye kuboneka.

Iyo nama yateraniye mu ngoro ya «Préfegitura» y'Umujyi wa Kigali, ikaba yari yatumiwemo n'abahagarariye ishyaka mu «mapréfegitura».

Bamaze kungurana ibitekerezo ku ngingo zari ku murongo w'ibyigwa, inama ya Comité nyobozi y'agateganyo yafashe imyanzuro ikurikira:

- Icya mbere: ibyemezo byose byari byarafashwe na Comité nyobozi y'agateganyo binyuranijwe n'amategeko, birasheshwe.
- Icya kabiri: kubera amakosa yaranzwe mu mikorere y'abagize Comité exécutif, inama ya

Comité nyobozi y'agateganyo yafashe icyemezo cyo guhagarika abagize urwo rwego rw'agateganyo.

- Icya gatatu: mu gihe abagize Comité nyobozi y'agateganyo ya PDI bakijya impaka ku mukandida Député ugomba kuzahagarira ishyaka PDI mu Nteko Ishinga Amategeko y'inzibacyuho yaguye irimo na FPR, hemejwe ko bazongera guhurira mu nama yabo idasanzwe kuwa kabiri itariki ya cumi n'umunani Mutarama mirongo icyenda na kane. Abahagarariye PDI mu «mapréfegitura» na bo bakaba basabwe kutazayiburamo. 26.3

Mu by'ukuri rero iri tangazo umuntu arisobanuye, ni uko abantu bo muri PDI batarumvikana ku muntu uzabahagararira mu Nteko Ishinga Amategeko yaguye, heh! Kuva yaguye niba ari Guverinoma yaguye, ariko muri iyo Nteko Ishinga Amategeko izaba irimo Inkotanyi, Inteko Ishinga Amategeko y'inzibacyuho. Abantu bagiye batorwa nyine ku buryo... hari n'uwagiye atorwa n'umugabo n'umugore, ubwo bikemerwa. Hanyuma... ubwo rero iyo Nteko muri PDI uzayihagararira ntabwo baramwemeranyaho, bashobora kuzatora kuri ya liste Perezida wa Repubulika yatangaje, hakazo... akazasiba umwe akongeraho undi, cyangwa se, heh, mbese birumvikana yuko ibintu bigikomeye, cyane cyane aho bamariye... abantu bamariye kubona amacenga ya FPR-Inkotanyi.

Amacenga ya FPR-Inkotanyi rero si muri PDI bamaze kuyabona bonyine, abamaze kuyabona na none ni muri PL. Umugabo Bwana Yustini MUGENZI yarashishoje arareba, asanga ibintu bigeze iwa NDABAGA, asanga hari abantu basezeranije FPR ko izaza ikayora ubutegetsi ikabusanga ku mbehe, barabuyitenyarije. Ariko Bwana MUGENZI Yustini aravuga « mu bantu bazaha... mu bantu bazagurisha Repubulika, mu Bahutu bazagurisha Repubulika, Abahutu bazaha FPR-Inkotanyi iki gihugu, njyewe Bwana MUGENZI Yustini, Perezida w'ishyaka Parti Libéral nishingiye njyewe ubwanjye, ntabwo ndimo. Mwumve rero ijambo yahawe muri mitingi ya MRND, ritavuga yuko yabaye MRND, ni ishyaka ryigenga Parti Libéral ariko yahawe ijambo kandi ara... arivuga kigabo. Twumve! 28.2

**Orateur : MUGENZI Justin, président du Parti libéral.**

... dukunze kugenda mu maradiyo cyane, bavuga ngo «PL ni yo yahagaritse inzego z'inzibacyuho...

**Orateur : HITIMANA Noël, journaliste de la RTLM.**

Difite saa tatu n'iminota makumyabiri n'itanu hano i Kigali, makumyabiri n'itanu, hasigaye nk'amasegonda makumyabiri kugira ngo byuzure neza. Yee, hano i Kigali muri studios za radiyo yanyu Radiyo RTLM, mumaze kumva MUGENZI, MUGENZI Yustini. Hnin? Nababwiye ko hari radiyo yari igiye kumuhitisha mu gitondo, sinzi uko byabagendekeye bati «yari panne technique», heh, nasetse! Nasetse kubera ko njyewe kuvugisha ukuri ntibyica umutumirano, ntabwo byari byo, ntabwo byari byo. Ariko rero nk'uko mumwumvishe, amaze kubibabwira ati «ni njye wabashoreye», «bariya bagabo barabashoreye mbageza... ba NGANGO, hari na ba TWAGIRAMUNGU», ati mbageza i Buruseli (Bruxelles). Hum? None agafaranga yarayariye! Ati «mbageza i Buruseli (Bruxelles) bajya kubonana n'Inkotanyi», ati «kuva kuri iyo tariki ni ho beme... Inkotanyi zemeye ko twakora imishyikirano amasasu agahagarara». Ati «ibyo ni MUGENZI wabikoze». Ati «ni njye wa... njye njye njye wabishorereye ndabajyana. Murumva rero.

Uwo mugabo rero kugira ngo bamuhindukirane nyuma bavuge ngo «ntibazongera gukorana na we, ari we wabashoreye akabajyana, murumva ko harimo... harimo irindi cenga. Iryo cenga nibashaka baricenge, ariko hari abavuze ngo «bazakinira mu kibuga imbere», harimo abakinira inyuma, ariko we yiyemeje gukinira imbere. Muti kuki? Ati «ibibazo byageze igihe tubigeza muri Loni (l'ONU), muri Loni (l'ONU) bari hano i Kigali, ati «mbigeza muri Loni (ONU), dutumira ONU ngo itwunge itwumvishe, twumvikane dusobanure mu ishyaka ryacu icyo dupfa».

Byagenze bite se? Ko na ONU ubwayo yaje kandi ikaba iri ino aha ngaha, bakaba batuteranirije.. hamwe na Lando ngo twumvikane, twisobanure tuvuge impamvu tugira amacakubiri. Ati «Lando ntiyakubise urugi akigendera», ati «uyu muntu wari iruhande rwanjye ntiyanoshe» ati «sha» ati «igitego uracyinjije cy'i... hein, cy'inguni». Ati «none se ko ninjije icyo gitego cy'inguni», ati «barabona ntakomeza.. kwinjiza icyo giteko bigenze bite»? Heh! N'ejo numvise yinjije ikindi,

bajye bisobanura, bamenye aho amakosa ari, ariko cyane cyane muri politique bazirinde kuvuga ngo «twemeye ko twakosheje», bazirinde kuvuga ngo «twemeye ko twakosheje» ngo «dukora ya congrès na Notaire yanze». Hum? Ati « ibyo... byo turabyemera ko twakosheje».

Wateranya abantu bo mu gihugu cyose ugakora congrès mugatora mukagira gute, nyuma ukavuga uti «aya mafaranga yapfuye ubusa nemeye ko twakosheje», uri Umupolitisiye! Iryo ni ikosa Lando yakoze rikomeye, azaryicuze, nirimukoraho abaza yabyivugiye ku maradiyo. (Une brève interruption)

30.9

**Orateur : MUGENZI Justin, président wa PL.**

... liste y'Abadepite banyu, liste nayimugejejeho, agiye kwandikira Perezida wa Repubulika ayimushyikiriza na we... 31.1

**Fin de la FACE A**

bajye bisobanura, bamenye aho amakosa ari, ariko cyane cyane muri politique bazirinde kuvuga ngo «twemeye ko twakosheje», bazirinde kuvuga ngo «twemeye ko twakosheje» ngo «dukora ya congrès na Notaire yanze». Hum? Ati « ibyo... byo turabyemera ko twakosheje».

Wateranya abantu bo mu gihugu cyose ugakora congrès mugatora mukagira gute, nyuma ukavuga uti «aya mafaranga yapfuye ubusa nemeye ko twakosheje», uri Umupolitisiye! Iryo ni ikosa Lando yakoze rikomeye, azaryicuze, nirimukoraho abaza yabyivugiye ku maradiyo. (Une brève interruption)

30.9

**Orateur : MUGENZI Justin, président wa PL.**

... liste y'Abadepite banyu, liste nayimugejejeho, agiye kwandikira Perezida wa Repubulika ayimushyikiriza na we... 31.1

**Fin de la FACE A**

**FACE B**

**Orateur : NTAGERURA André, ministre.** 0.6

... musabye, kandi simvuga ba Ministres ba MRND gusa, ndavuga aba PL n'uwa PDC, ubwo n'abandi bazaza. Twamusabye gutumira vuba na bwangu inama ya Leta, tugasuzumana ubwitonzi, ubushishozi, nta kubogama, ibibazo byugarije igihugu cyacu.

Ibyo bibazo ni ibihe? Uriya mutegarugori twubaha twese, ndavuga abari muri Leta ayobora, kuko ibyo ahari kugeza igihe azaba yatubwiriye ko yeguye, twarabyiyemeje. Ibyo bibazo rero yarabivuze ni ibi:

- Yavuze ko ari umutekano muke mu gihugu.
- Avuga ko ari ubukungu bwifashe nabi.

Hanyuma ibyo byose, agashaka uwo abisunikiraho akabisunikira kuri Perezida wa Repubulika, ngo «ni we ufite umuti». Ya miti yabo se batubwiraga noneho yagiye hehe? Yaba idafata? Niba idafata rero bazahimbe iyindi, twamubwiye yuko umuti uri muri Guverinoma. Tumusaba kutihererana ibibazo, ibibazo ni iby'igihugu bigomba gukemurwa na Guverinoma yo. 2.5

Umutekano muke, ibyo bintu biri mu byo yasinyiye arahira, ngo «azakora uko ashoboye umutekano ugaruke», byaramunaniye rero. Niba byaramunaniye nateranye Leta, dufite Ministre w'Ingabo z'igihugu, dufite Ministre (applaudissements) w'Ubutegetsi bwa Leta, PL ifite Ministre w'Ubucamanza. Ariko uwo mutegarugori ntabahuza ngo bajye hamwe, kandi ari cyo ashinzwe. Ni nde wica umutekano? Ni ugomba guhuza ibikorwa bya Guverinoma, ni Madamu UWILINGIYIMANA Agata. (Applaudissements)

Nareke rero gushakira ahandi, aho ibibazo bitari. Twiyemeje kumufasha natwegere, natwumve,

mbwira abumva. (Applaudissements)

Ba Militantes ba Militants, ku byerekeye iby'ubukungu. Yaratinyutse abonye ibibazo bimaze kumubana insobe, atinya no kubizana muri Guverinoma kuko hari... hari abantu bamwe atinya cyangwa atifuza kumva, noneho avuga ngo «abarimu ntibahembwa kubera ko nta Guverinoma nshya iriho.

Ingingo ya munani y'amasezerano y'Arusha irahari. Niba azi gusoma yabimenya, niba afite Abajyanama nyabo, kuko twibaza abamugira inama aho bize bikatuyobera, yabona ko Leta iriho, agomba kuyitumiza.

Icyo kibazo rero, niba abarimu batahembwe mu kwezi kwa cumi na kabiri, ntabwo ari ukubera ko Leta itariho. Kuko Leta yari iriho mu ntangiriro z'ukwezi kwa cumi na kabiri, niba ari byo ashaka, areke rero kubeshya rubanda avugishe ukuri.

Na none, hari douzième provisoire y'ukwezi kwa mbere, Ministre w'Imari yarayiteguye hamwe na Minstre w'Imigambi ya Leta wacu. Nateranye inama twige iyo provisoire, amafaranga aboneke. Cyeretse niba Ministre w'Imari bafatanyije yamubwiye ko ntayo agifite, nabivuge abigaragaze areke kubeshyera Perezida wa Repubulika. 5.6

Ba Militantes, ba Militants, iyo nyandiko ni ndende. Iyo nyandiko ni ndende ntabwo nayivuga ngo ndangirize hano, muzayibona, muzayisoma, kandi nzi ko muzayumva.

Nashakaga na none kubabwira ko ba Ministres bacu, uriya mugore... uriya mutegarugori ( rires), uriya mutegarugori u... akore uko ashoboye kose kugira ngo abatatanye ari Interahamwe, ni Interahamwe.

Twakoze uko dushoboye, nyamara kubera nyine imigambi yacuzwe Arusha, n'icurirwa hano i Kigali mu mashyaka muzi ngo «barashaka bamwe kubigiza hanze». Nta kibazo, ibyo MRND yarabyemeye. Ariko Ministre w'Intebe arafata micro aka... akavuga ngo «bamwe» ngo

«bararenganye» ngo... ngo «abo bantu ntibashobora no gukora», ngo «ntibashobora kujya mu nama ya Leta» ngo «kuko ba... basezerewe».
Uriya muntu aribeshya, uko turi icyenda, turi Interahamwe. (Applaudissements + commentaires). Tuzakomeza gukorana, tuzakorana, twaguma muri Guverinoma, twajya hanze, tuzakomeza gukorana n'abandi ba «Ministri» bagenda batwegera tukajya inama, bakumva ko tugomba gutahiriza umugozi umwe (applaudissements).

Ngo «bazirukana abantu bo muri MRND, bazatwirukana se babishobore, nimurebe ra! (Applaudissements + commentaires) Ntabwo bizashoboka. Bazadukura muri Guverinoma badusange mu bucuruzi (Applaudissements + commentaires). Bazadukura muri Guverinoma badusange muri Université (applaudissements + commentaires). Bazadukura muri Guverinoma badusange mu buhinzi (applaudissements + commentaires). Bazabyifatamo bate? Ntibishoboka, tuzakomeza kuba Interahamwe (applaudissements). 8.5

Ba Militantes, ba Militants. Nashakaga kurangiriza ku kajambo kamwe, ariko mbihawemo n'uruhusa na Perezida wa MRND muri Cyangugu. Kuko yarebye kuri gahunda asanga atarimo, arantuma. Ejo twari twagiye iriya mu Kinyaga, tugiye gukangurira abarwanashyaka amatwara ya Muvoma uretse ko yabacengeyemo, mubonye n'uriya mwana. Ntimwamubonye? (Applaudissements) Kuva ku mwana boza kugeza kugeza ku musaza, MRND iraganje. (Applaudissements + commentaires).

Twabasobanuriye uko ibihe byifashe ubu ngubu. Tubabwira ingorane abantu bamwe batera iki gihugu, barabyumvise ariko batubwira ko ibyo byose bari babizi. Gusa, batubwiye ko mwebwe... twebwe turi inyarurembo. Intambara turwana na bo bayishyigikiye. Bavuga ko «nibiba ngombwa tuzavuze akarumbeti, tuzabona Abanyacyangugu bose basesekaye hano. (Applaudissements + commentaires). Baranatubwira bati «mudushimire abayobozi n'Abamilita bose ba MRND», bati «mukomere mugire umwaka mushya muhire w'igihumbi kimwe magana cyenda mirongo cyenda na kane». Murakoze rero, murakarama. (Applaudissements + commentaires) 10.5

**Orateur : Non identifié.**

Ndagira ngo... _

**Orateur : HITIMANA Noël, journaslite de la RTLM.**

... RTLM, mu minota cumi n'itanu turaba dufite saa cyenda hano i Kigali. Yewe uyu munsi twirirwanye, twirwanye rwose twaganiriye, mwumvise cyane cyane abakunda ishyaka ryabo MRND, n'abatarikunda... n'abatarikunda ndabizi neza neza, mu Rwanda MRND muzi ko ari ishyaka ririmo Abahutu, Abatutsi n'Abatwa. Ishyaka ry'ubumwe n'amahoro, udashaka ubumwe cyangwa udashaka amahoro ntiyakwirirwa arijyamo. Wenda aba ashaka i... intambara, ahubwo sinzi umuntu washaka intambara muri·iki gihugu icyo yazageraho. N'Inkotanyi zashatse intambara byarabananiye bajya Arusha, ba... bajya mu... mu mishyikirano. Hum? Biratinda, bavayo. Nababwiye ko bagiye n'ik... bakore indi mishyikirano bagasinya. Hnii? Nababwiye ko ahubwo tu.uu...zategereza ko haba wenda andi masinya azabera i Kigali, ariko mwumvise «Perezida wa Repubulika nk'uko yabivuze, ayo masinya ari hafi, kubera ko yavuze ati «kugera kuwa kane, itariki ya makumyabiri niba tudasinye ngo abantu barahire byaba bibaye ibindi bibazo». Ubwo ndumva biri kujya mu buryo.

Muri ubwo buryo rero Perezida wa Parti PL, MUGENZI Yustini, aravuga ati «Parti PL twebwe, ari na njywe Représentant Légal, njyewe MUGENZI Yustini, utegeka ishyaka, washinze iryo shyaka na bagenzi banjye, ati «rwose ntabwo twigeze twanga ko twajya mu buryo tugakurikiza amategeko». Mumwumve!

**Orateur : MUGENZI Justin, président du PL.** 12.0

... ntabwo yakora ikosa ryo guhagarika inzego ku busa, ku bwende, nta mpamvu ihari. Ntabwo PL ari inyangarwanda, PL ibikorwa byayo byose (applaudissements + commentaires), ibikorwa bya PL byose ni ibikorwa byubaka kandi nimvuga mu magambo makeya murasanga PL itarahwemye kandi itazahwema gutera inkingi iki gihugu cyacu kugira ngo gikomeze ku murongo abarwanashyaka bacyo biyemeje, w'amahoro, ubumwe n'amajyambere. (Applaudissements + commentaires).

Icyo kirego rero ni cyo ndi buvugeho, ikirego dukunze kuregwa na Ministre w'Intebe, Madame Agata UWILINGIYIMANA, akabyunganirwamo na Ministre w'Intebe wa Guverinoma yaguye, TWAGIRAMUNGU Fawustini. Bati «PL ni yo yadindije ishyirwaho rya ziriya nzego». Ngo «PL yazanye «amalistes» abiri y'Abadepite. Ndagira ngo mbabwire ko uwadindije ishyirwaho ry'inzego ari Madamu UWILINGIYIMANA Agata, ari TWAGIRAMUNGU Fawustini, naho ibindi bivugwa byose ngo «PL, Perezida wa Repubulika», n'ibindi n'ibindi, byose ni ibinyoma byambaye ubusa. (Applaudissements + commentaires) Uti kuki? (Applaudissements + commentaires).

Ministre w'Intebe, Madame Agata UWILINGIYIMANA, yanyandikiye ibaruwa hambere aha ngaha, kimwe n'uko yandikiye abayobozi b'andi mashyaka. Ati «nimungezeho liste y'Abadepite banyu! Liste nayimugejejeho, agiye kwandikira Perezida wa Repubulika ayimushyikiriza na we, amwohereza listes ebyiri, iya kabiri sinzi aho yayivanye. (Applaudissements + commentaires) avu... yohereza «amalistes» abiri kwa Perezida amubwira ati «ngayo «amalistes» y'Abadepite, ariko muri PL nagize ingorane, nabonye «amalistes» abiri». Asa n'umubwira ati ihitiremo.

Bukeye haba inama y'amashyaka, yayobowe na Perezida wa Repubulika kuri makumyabiri na karindwi z'ukwezi kwa cumi n'abiri. Muri iyo nama hemezwa yuko ubuyobozwi... ubuyobozi buzwi bw'ishyaka ari bwo bugomba kurivugira, ari na bwo bugomba gutanga abalisiti. Madamu UWILINGIYIMANA ati «umutego nari nateze Président ni njye uwuguyemo». (applaudissements + commentaires) Arahindura ati «uwabyohererereza umugabo witwa KAVARUGANDA, nzi ko KAVARUGANDA yangana na HABYALIMANA cyane, arabimfasha». Yohereza lisiti imwe noneho, ariko ntiyohereza iyo namwoherereje ari njye Perezida w'ishyaka, yohereza liste yohererejwe n'abandi bantu batagira aho ba.yi...huriye n'ubuyobozi bw'ishyaka. Abwira KAVARUGANDA ati «nshyirira amakashe kuri iyo baruwa... kuri iyo lisiti». KAVARUGANDA arabimusubiza ati «ngibyo ibintu wanyohereje».. cyokora ashyiraho kashe, ati si yo washakaga? Madamu UWILINGIYIMANA ati «ngize Imana mbonye icyemezo cya Président w'Urukiko Rushinzwe Itegeko Nshinga». Ngicyo ikinyoma cyambaye ubusa.

KAVARUGANDA (applaudissements), KAVARUGANDA yashubije Ministre w'Intebe liste yamwoherereje, nta rubanza yayiciriye, nta kirego cyari cyatanzwe, nta nubwo yamugejejo ya malisiti yombi nk'uko yari yabigiriye Perezida wa Repubulika, ngo noneho agire ati namwohereze amalisiti abiri ahitamo, ati none dore iyo yahisemo. Yarangiza ati «Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga yarayemeye». Ngicyo ikinyoma, umuntu abeshya ku manywa? (Applaudissements + commentaires) Ari umutegetsi!

Twe rero twanze ibintu bikururana, mu mategeko agenga iki gihugu, hari atarahindukiye Arusha. Hari amategeko atarahindukiye Arusha, hari itegeko rigenga amashyaka. Ingingo yaryo ya mirongwi... ya makumyabiri n'umunani, iha umurwanashyaka w'ishyaka cyangwa undi muntu wese wabona afite inyungu, cyangwa se Ubushinjacyaha, Ministère publique, uburenganzira bwo kujya mu Rukiko rwa Mbere rw'Iremezo, bakavuguruza icyemezo cyafashwe n'ubuyobozi bw'ishyaka iryo ari ryo ryose. Ariko ntaho bivugwa yuko Ministre w'Intebe ashobora kuvuguruza umuyobozi w'ishyaka yafashe icyemezo.

Icyemezo cyafashwe n'ubuyobozi bw'ishyaka, ingingo ya mirongo itanu na gatandatu mu mategeko... muri statuts zacu, ivuga yuko «nta kintu na kimwe kigiye mu izina ry'ishyaka kidafite umukono wa Perezida w'ishyaka kigira agaciro». (applaudissements + commentaires)

Ayo mategeko yose Ministre w'Intebe arayafite, afite Abajyanama ntekereza yuko bahugukiwe mu by'amategeko, bagombye kuba barabimusobanuriye, ngo bamwumvishe yuko adafite uburenganzira bwo guhindura icyemezo cyafashwe n'umukuru w'ishyaka mu izina ry'ishyaka. Nta burenganzira na busa afite.

Njyewe rero naramubwiye nti «fata inzira ushake Procureur wa Repubulika, umutume...» uti «kuresha ingingo ya makumyabiri n'umunani, usese... usabe urukiko gusesa iriya lisiti y'Abadepite batowe n'ishyaka rya PL, maze usabe urukiko gushyiraho bariya Badepite TWAGIRAMUNGU ashaka». TWAGIRAMUNGU ntabwo ari muri Parti Libéral, ntabwo ashobora kudushakira Abadepite. Ewe... (applaudissements + commentaires)

Mwabonye cyangwa mwumvise mu nyandiko Visi Président wa mbere w'iyi.. shyaka yabasomeye, inyandiko yanditswe na TWAGIRAMUNGU na NZAMURAMBAHO na NAYINZIRA. Iyo nyandiko ivuga yuko ikibashishikaje mu by'ukuri, ni rya jambo ryitwa ngo *«équilibre des forces politiques»*. Iyo équilibre yakorewe Arusha ntabwo nari mpari. (Acclamation + commentaires) Ntabwo nigeze njya mu mishyikirano y'Arusha. (Applaudissements + commentaires). Iyo équilibre ni iya NAYINZIRA na NGULINZIRA na NSENGIYAREMYE na NDASINGWA, (applaudissements + commentaires) na BIZIMUNGU. (Applaudissements ) Iyo équilibre ntabwo nyizi, ntabwo nigeze nyijyaho impaka, nta mukono wanjye uyiriho. Iyo équilibre iyo ijya guhagarika ibintu mu gihugu, iyo ijya guhagarika ibintu ngo PL yishe ibintu, PL yishe iki ko nta masezerano nagiranye b'abo bantu. (Applaudissements + commentaires)

Nkaba ngira ngo nibutse uwashaka kwibeshya akavuga ati, NDASINGWA yari Arusha, ibyo bintu wenda yaba yarabisinyiye. NDASINGWA yagiye Arusha ari Ministre wa Guverinoma, ntabwo yagiye Arusha ari intumwa ya Parti Libéral. (Appaudissements + commentaires). Bajye bamenya kuvangura ibintu rero. Niba NDASINGWA yarasinyiye ibyo bintu bya équilibre, NAYINZIRA akabisinyira, NGULINZIRA akabisinyira, BIZIMUNGU akabisinyira, ibyo bintu nta engagement ya Parti Libéral n'imwe ibirimo.

Ni cyo gituma rero, muri pi... Parti Libéral twebwe twiyemeje yuko umurongo wa politique tugenderaho ni umurongo w'ubwigenge bw'ishyaka. Ni umurongo ushishoza ukareba aho inyungu z'ishyaka ziherereye.

Niba *«équilibre politique»* ari ukuvuga ngo, nihagire agatsiko k'amashyaka kuzuza ya mibare y'«Abaministres» cumi na batanu kugira ngo bajye bafata ibyemezo aho bashakiye. Parti Libéral ntishobora gusinyira ibyo bintu. (Applaudissements + commentaires) 21.6

Niba... niba équilibre politique... « *équilibre des forces politiques»*, ari ukuvuga ngo, abantu bari inyuma y'Inkotanyi buzuze umubare w'Abadepite mirongo ine na batanu, kugira ngo umunsi

bashatse guhindura ariya masezerano y'Arusha, bakoreshe Abadepite mirongo ine na babiri kugira ngo ibintu bihite, Parti Libéral ntishobora kubisinya. (Applaudissements + commentaires) Parti Libéral rero, iracungana n'ubusugire bw'ubutegetsi bw'abaturage bavanye muri révolution ya cinquante neuf. (Applaudissements + commentaires...)

Nibyongere byumvikane neza, byumvikane neza yuko muri Bibiliya baravuga ngo *«bazabona ishyano, bazabona ishyano, bazabona ishyano»,* abagira bate? ( applaudissements + commentaires) Bazabona ishyano, bazabona ishyano abantu batinyuka kwirengagiza inyungu z'abaturage, bakirengaja.. inyungu Abanyarwanda babiriye icyuya bagashaka kuzikuba na zeru, ngo kugira ngo bashimishe Inkotanyi. Bazabona ishyano. (Applaudissements + commentaires)

Hari imvugo... hari imvugo ikunze guvugwa.. Hayi.. imvugo ikunzwe kuvugwa ngo «Parti Libéral», ngo «Yustini MUGENZI» ngo «yashoreye amashyaka ayajyana i Buruseli (Bruxelles) kubonana n'Inkotanyi». Niko byagenze koko, narabashoreye koko. (Acclamation +commentaires) Narabashoreye, ariko se nabajyanaga he? Nimwumve neza aho nabajyanaga, nimwumve aho nabajyanaga kandi icyanjyanye narakizanye. (Applaudissements+ commentaires) Nabajyanye i Buruseri (Bruxelles) kugira ngo tujye kubonana n'Inkotanyi tuzisabe, tuzemeze kureka intambara y'imbunda, zemere intambara ya politique, zize twicare ku meza... tuzenguruke imeza dushyikirane dushake impamvu yahagarika imirwano. Ibyo bintu twarabi.ge...gezeho twarabibonye, ahubwo amateka y'igihugu, amateka azandikwa kera bazagira bati, Parti Libéral yakijije u Rwanda intambara. (Applaudissements + commentaires)

Ariko rero ntabwo twagiye i Buruseri (Bruxelles) ari ukuvuga ngo dukore za *équilibres des forces politiques* ku buryo ubutegetsi bubirindurwa bukajya mu maboko y'Inkotanyi n'abaziri inyuma. Parti Libéral ntabwo izajya inyuma y'Umutwe uwo ari wo wose uzashaka kwigarurira ubutegetsi i... utabinyujije mu nzira ya démocratie, mu nzira y'amajwi y'abaturage. (Applaudissements + commentaires)

Irindi jambo nagira ngo mbabwire ritoya, ni uko hamaze iminsi havugwa ngo,... no muri iriya baruwa basomye, bavuze ngo «MUGENZI yanze imishyikirano», ngo yanze gushyikiranya...

K0211365



gushyikirana n'abamurwanya» ngo «kandi baragerageje barabisabye kenshi». Icyo na cyo ni ikinyoma.

Bashatse ko dushyikirana, ariko tugashyikiranira kwa mukeba, tugashyikiranira kwa mukeba. Ubu se najyaga kujya gushyikirana mpujwe na NDASINGWA duhujwe na NZAMURAMBAHO cyangwa na NAYINZIRA? (Applaudissements + commentaires) Abo ni abakeba. (Applaudissements) Gukomeza kunangira kwanjye kwatumye ejobundi tubona abaduhuza noneho badafite aho babogamiye:

- Duhuzwa n'intumwa ya Secrétaire Général wa Nations Unies, intumwa y'Umunyamabanga Mukuru w'Umuryango w'Abibumbye.
- Duhuzwa n'intumwa y'Umunyamabanga Mukuru w'Umuryango w'Ubumwe bw'Afurika.
- Duhuzwa n'intumwa y'Ambassadeur wa Tanzaniya (Tanzanie) mu Rwanda.

Abo bagabo murumva atari ibihangange? (Applaudissements) Abo bagabo baraduhuza bati «nimutubwire icyo mupfa! Mutubwire igituma havugwa «amalistes» abiri y'Abadepite»!

Ibintu ntangira kubisobanura, ntangira kwerekana ibimenyetso byerekana ko liste natanze ari iyo itagomba gusubira inyuma, ntangiye kuvuga, NDASINGWA arahaguruka, ati «ntabwo ari ibyo byanzanye». Ati «sinaje kumva ibimenyetso binsinda». Bati «icara hamwe ubanze uzi... wumve ibisobanuro atanga, arasobanura icyo mwapfuye, icara ucyumve nawe usubize». Ati «muramenye, ntabwo ibyo ngibyo mbishaka», akubita urugi (inaudible) (applaudissements + commentaires et rires). Hari uwambwiye ati... hari uwambwiye ati «icyo ni igitego cyo mu nguni uracyinjije. (Applaudissements + commentaires)

28.2

Niba muri Parti Libéral hari ibibazo... niba muri Parti Libéral hari ibibazo bikaba byarahagaritse ishyirwaho ry'inzego z'ubutegetsi, nk'uko ba Ministres b'Intebe bombi babivuga, ibibazo bidakemuriwe muri Loni (l'ONU) bizakemurwa na nde? Ibibazo bigiye muri OUA ntibikemurwe bizakemurwa na nde? Ibibazo byahuruje umuhuza w'iriya... wadusinyije amasezerano y'Arusha, umukuru wa Tanzaniya (Tanzanie), undi muhuza tuzamuvana he?

K0211366



Ni ho rero ngirango havuye igitekerezo cy'uko, gukomeza kugenda mu matiku ari mu mashyaka byazaroha u Rwanda mu rwabayanga.
Nibemere baze, nshyigikiye ijambo rya Perezida wa Repubulika (acclamation), ijambo Perezida wa Repubulika yaraye avuze ati «abakuru b'amashayaka bemewe n'amategeko nibaduhe amilisiti, ari aya Abadepiye, ari aya Abaminisitiri, maze abari muri ayo mashyaka batishimye baboneze inzira ijya i Nyamirambo ku rukiko batange amagarama. (Applaudissements + commentaires) Murakoze. (Applaudissements + commentaires). (inaudible) _ _ 29.4

**Orateur : HABIMANA Kantano, journaliste de la RTLM.**

Mwumvise ko zanakubise n'Interahamwe zikayigusha zikongera zikiyorobeka, ubwo se Hnun! min... MINUAR yakoze iki? Yarinze se uwo muntu Inkotanyi zashimuse? Yarinze se Interahamwe Inkotanyi? Ya... mbese uretse kuvuga gusa ngo bon..., cyakoze icyo bavuze bavuze ngo «la situation est calme». Ni bwo rero kajugujugu nyuma y'iminota mike yaje iswiswita hasi, ifata umukuru wayo ubwo nta kundi baragenda ngo ubwo opération barayirangije babonye ibintu byose ari amahoro.

Ejo rero, imodoka ya MRND yagendaga itangaza ibya mitingi, abantu b'Inkotanyi baravuze bati «iriya modoka muyirebe, ijyanye... ijyanye imbunda na za grenades i Runda, maze muyitangirire kuri Nyabugogo muyifate muyisake murasanga yuzuyemo za grenades n'imbunda». Iyo modoka rero koko yagiye ivuga ibya mitingi, yamamaza ubumwe n'amahoro, maze aba MINUAR bayigendaho, imwe irabanza iyinyura imbere, indi iyinyura inyuma, noneho bayihagarikira hagati barasaka.aa... habe ngo babone n'umuti wa grenades. Hanyuma rero ubwo ngubwo, abantu bavuga ngo «Interahamwe» ngo «zigira amahane», nyamara n'abo ngabo bagenda berekana ngo ibintu ni amahane kandi ari amahoro, na bo ni abanyamahane.

Dukomeze twumve Radiyo RTLM. Mu minota itanu turabagezaho amakuru mu kinyarwanda. _
(2 musiques africaines). 31.6

K0211367



**Fin de la FACE B**